

« Yesu Kristo ntahinduka, uko yar’ejo n’ubu ni ko ari kandi ni ko azahora iteka ryose»

(Abaheburayo 13:8)

## Urwandiko mbwirwabose Gicurasi 2010

Ndabaramutsa mwese mu Izina ry’igiciro ry’Umwami wacu Yesu Kristo, nkoresheje amagambo ya Matayo 4 :4 :

*« Yesu arasubiza ati: handwitswe ngo: umuntu ntazabeshwaho n’umutsima gusa, ahubwo azabeshwaho na buri jambo riva mu kanwa k’Imana»*

Mw’itangiriro Imana yaravuze iti : « habeho umucyo » nuko umucyo uraba. Imana itandukanya umucyo n’umwijima. Mu itangiriro hariho Jambo, ntihariho insobanuro z’abantu. « *Mbere na mbere hariho Jambo* (mu mizingo y’ibitabo byanditswe mu rurimi rw’igiheburayo : *Dabar-Uvuga*) … *Muri we hari ubugingo kandi ubugingo bwari umucyo w’abantu* » (Yohana 1 :1-5). Uwizera nyakuri ntabeshwaho n’umutsima usanzwe gusa, mu mwuka abeshwaho na buri jambo rivuye mu kanwa k’Imana. Ntabwo Imana ikeneye kugira ijambo ikosora, hatitawe ku gihe, ahantu cyangwa uwabwirwaga, mu lsezerano rya cyera cyangwa irishya. Nyamara byombi byahozeho uhereye mu itangiriro: umucyo n’umwijima, amanywa n’ijoro, kwizera no kutizera, kumvira na kutumvira, ikibi n’icyiza, ubugingo n’urupfu. Kandi niko bizahora kugeza ku iherezo.

Muri buri jambo ry’Imana harimo imbuto y’ubugingo, ariko ubwo bugingo buseruka ari uko iyo mbuto ibibwe mu mitima y’abizera (Mariko 4 :26-29). Nk’uko bivugwa muri Matayo 13, Umubibyi yabibye imbuto nziza, hanyuma ubwo abantu bari basinziriye umwanzi nawe araza abiba imbuto ye. Izo mbuto zombi, ingano n’urukungu, zizakomeza zikure kugeza mu gihe cy’isarura. Umwami Yesu ubwe niwe wasobanuye uwo mugani : « *Arabasubiza ati, uwabibye imbuto nziza, ni Umwana w’umuntu ; umurima ni isi, **imbuto nziza ni abana b’ubwami ; urukungu ni abana b’umubi, umwanzi waruteye ni Satani ; isarurwa, ni imperuka ; abasaruzi, ni abamarayika*** » (imirongo ya 37-39).

Umwanzi ajya abiba insobanuro z'abantu nyuma y'uko umubibyi amaze kubiba Ijambo (Mariko 4 :14 ; Luka 8 :11). Imbutu imwe ni ukuri naho iyindi ni ikinyoma n'ubushukanyi.

Mose yabanje kuzana Ijambo ry'Imana ry'ukuri kuko Imana yari yibutse isezerano yarasezeraniye Aburahamu (Itangiriro 15 :13). Hanyuma Baramu abona kwaduka azanywe no kuyobya ubwoko bw'Imana (Kubara 22-24).

Kristo, Umuhanuzi wasezeranijwe, niwe wabanje kuza, (Gutegeka 18 :18 ; Ibyakozwe 3 :22-23 ; Ibyakozwe 7 :37-38) abiba imbutu, antikristo abona kuza hanyuma nk'umuhanuzi w'ikinyoma (1 Yohana 2 :18 ; Iyahishuwe 16 :13) nuko abiba insobanuro z'abantu. Ba kristo b'ibinyoma, cyangwa se abasizwe b'ibinyoma, nibyo bakora kugeza n'ubu. Bashobora gushyira n'ibitangaza imbere bibwira ko aricyo gihama ko ari abakozi b'Imana (Matayo 7 :21-23). Niyo mphanvu n'intore zigomba kuba maso kugira ngo zitayobya (Matayo 24:24).

Intumwa z'ukuri nizo zabanje kuza, iz'ibinyoma zibona kwaduka hanyuma (2 Abakorinto 11 :13 ; Iyahishuwe 2 :2).

Intumwa zatumwe n'Umwami zabanje kubwiriza inyigisho fatizo y'ukuri (Ibyakozwe 2 :42 ; Abefeso 2 :20) ; iz'ibinyoma ziza gucengeza inyigisho z'ibinyoma hanyuma (2 Abakorinto 11 :1-13 ; 2 Petero 2 :1).

Mwenedata Branham niwe wabanje kuza mbere nk'umuvugabutumwa, habona kwaduka abavugabutumwa bitumye hanyuma, bavuga ko nabo bafite impano zo gukiza indwara, bakabwiriza ubutumwa bwo gukungahara, kandi bese biyubakira ubwami bukomeye bw'amamiriyoni n'amamiliyoni y'amadolari.

Ese mur'iki gihe cyacu ho bimeze bite? Ni ibihe bijyanye n'umugambi w'Imana w'agakiza biba mur'iki gihe cyacu ? Ese ni nde waje mbere afite umuhamagaru uvuye ku Mana wo kugeza ubutumwa bw'Ijambo ry'Imana mu mahanga yose kugeza ku mpera z'isi ? Ese ni nde wadutse hanyuma yitumye, akaba akwirakwiza uherye icyo gihe inyigisho z'inzaduka ziyobya yita ko ari « uguhishurirwa kudasanzwe », nta kindi agamije uretse kwikururiraho abigishwa ?

Ibice bya 24 na 25 bya Matayo bifitiye Itorero akamaro gakomeye cyane ku bijyanye n'igihe kibanziriza kugaruka kwa Kristo. Ikibanza ni uko Umwami wacu nyir'ukwiringirwa asubiza ibibazo byose by'ingenzi kandi agatanga imburo : « *Mwirinde, ntihakagire ubayobya.* » Yabanje kuvuga iby'intambara, imitingito y'isi n'abahanuzi b'ibinyoma, hanyuma akora ku ngingo nyamukuru : « *Iyi nkuru nziza y'ubwami izabwirizwa mw'isi yose, kugira ngo*

*ibere ubuhamya amahanga yose. Hanyuma imperuka ibone kuba » (Matayo 24 :14).*

Ibi ntabwo byabaye mu gihe cya Luteri cyangwa icya Wesleyi cyangwa se mbere y'ikinyejana gishize. Ahubwo biraba ubu kandi nitwe bisohoreraho. Ubutumwa bwiza bwuzuye burimo amasezerano y'Imana yose burabwirizwa amahanga yose nk'ubutumwa bwa nyuma, kuri bamwe kugira ngo bubabere gihamya mu gihe abandi bubahamagarira gusohoka (2 Abakorinto 6 :14-18). Ni ubutumwa bw'iza bw'iteka (Ibyah. 14 :6) nk'uko bwahoze mu itangiriro ry'itorero. Buri mwana w'Imana arizera kandi akabeshwaho n'Ijambo ryose kandi ashimira Imana kubwo gusohozwa amasezerano yaayo mu gihe cyacu.

Umwami yakomeje kuvuga no kurondora ibindi bizaba kugeza ubwo Umwana w'umuntu azagarukira, n'iby'igihe cy'imibabaro ikomeye izakurikiraho, ndetse n'ibizaba nyuma yaho. Yakurikijeho ikindi gikomeye agira ati : « mwigire ku giti cy'umutini. Iyo amashami yacyo atoshye, amababi yacyo akamera, mumenya ko igihe cy'impeshyi cyegereje. Nimubona ibyo byose, muzamenye ko umwana w'umuntu yegereje, ndetse ari ku muryango » (Matayo 24 :32-33). Nk'uko byanditswe muri Hozeya 9 :10 Isirayeri igereranywa n'igiti cy'umutini.

Muri Luka 21 :24, Umwami yahanuye ibizabaho ati: « Bazicwa n'inkota, bazajyanwa nk'iminyago mu mahanga yose, kandi Yerusalemu izanyukanyukwa n'abanyamahanga kugeza ubwo igihe cy'abanyamahanga kizarangirira ».

Cyera cyane mbere yaho, Imana yatanze amasezerano akurikira: « Nzagusanyanya yewe Yakobo ! Nzakusanyanya abasigaye b'Isirayeri, mbahurize hamwe nk'intama zo mu mukumbi umwe, nk'ubushyo buri mu rwuri rwabwo ; hazaba urusaku rw'abantu benshi » (Mika 2 :12). « Muzatura mu gihugu nahaye ba sogokuruza banyu ; muzaba ubwoko bwanjye nanjye nzaba Imana yanyu » ((Ezekieli 36 :28).

« Uwiteka azigarurira Yuda ibe umwandu we mu gihugu cyera, kandi azongera atoranye Yerusalemu » (Zakariya 2 :12).

Umwami abwira abe ati : « Nuko nimubona ibyo bibaye, muzamenye ko ubwami bw'Imana bwegereje » (Luka 21 :31). Amina ! Ikusanywa ry'amoko cumi n'abiri y'Isirayeri ava mu mahanga yose ntabwo ari ikimenyetso hagati y'ibindi gusa, ahubwo ni cyo ikimenyetso cy'ingenzi cyerekana ko kugaruka kwa Kristo kwegereje.

Muri Matayo 24 :39-41, Umwami yavuze ku by'izamura ry'itorero: ubwo ababiri bazaba bari mu murima, ababiri bazaba bari ku rusyo, ababiri bazaba bari mu buriri, umwe azatwarwa undi asigare. Nuko atanga inama ikurikira : « Niyo mpanvu namwe mukwiye guhora mwiteguye, kuko mutazi igihe Umwana w'umuntu azazira » (umurongo wa 44).

« *Nuko bagiye kugura amavuta, umukwe araza, abasanzwe biteguye binjirana nawe munzu y'ubukwe, maze umuryango urakingwa* ». (Matayo 25 :10)

Muri Matayo 24 :45-47, Umwami wacu yakoresheje umugani avuga ku bizabanza kuba ku bo mu nzu ye mbere y'uko ibivugwa mu gice cya 25 byerekeye kuza kw'Umukwe bisohora. Yabajije ikibazo gikurikira : « Ninde uwo mugaragu wiringirwa kandi ukiranuka, Shebujya yasigiye abo mu nzu ye kugira ngo abahe igaburo mu gihe gikwiriye ? » ; Si ukugira ngo atwaze abandi bakozi igitugu, ahubwo ni ukugira ngo abagaburire Ijambo rihishuwe nk'ibyokurya bigaburirwe igihe arisangire na bo. Tubeshwaho n'iri Jambo by'umwihariko. Umurongo wa 47 nawo ni UKO UMWAMI AVUZE : « *Ndababwiza ukuri, azamwegurira ibye byose* ». Aha bishatse kuvuga kugarurirwa kwuzuye no guhishurirwa inama y'Imana yose.

Ubwiru bwose bwari buhishe bwarahishuwe binyuze mu butumwa bwo muri bibiliya bwabwirijwe mu gihe cya nyuma. Ntabwo bukubiyemo gusa ibyo buri muntu, buri mugabo, buri mugore n'itorero ryose bakeneye kubwo kwitegura, harimo n'ibireba ubukozi butanu buvugwa mu Befeso 4. Uko niko ubwo bukozi bushobora kugira uruhare mu iyubakwa ry'umubiri wa Kristo, hakurikijwe icyitegererezo cy'uko intumwa zabikoze: « ... kugeza ubwo tuzagera ku bumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w'Imana, ku rugero rw'umuntu ushyitse, ku rugero rw'igihagararo gishyitse cya Kristo... » (Abefeso 4 :11-16)

Ariko, uwubaha buri Jambo ry'Imana - harimo n'Ijambo ry'iki gihe - akaryizera koko kandi agashyira buri kintu mu mwanya wacyo, niwe uzarihishurirwa. Ubwo ni bwo buryo bwonyine bushoboka kugira ngo umuntu yibonere umwanya we mu mugambi w'Imana w'agakiza. Ibi kandi bireba na bene data bose bari mu murimo w'ivuga butumwa. Isezerano nyamukuru ryahawe Itorero mu gihe cyacu n'iri: “*Dore nzaboherereza Eliya umuhanuzi, mbere y'umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba w'Uwiteka. Azagarura imitima ya ba se ku bana babo, n'imitima y'abana kuri ba se, kugira ngo ntazaza ngateza igihugu umuvumo*” (Maraki 4:5-6).

Umunsi w'Umwami warasobanuwe neza mu Isezerano rya cyera no mu rishya. Umuhanuzi Yoweri yaranditse ati : « *izuba rizacura umwijima, ukwezi guhinduke amaraso, mbere y'uko umunsi w'Uwiteka usohora, uwo munsi ukomeye kandi uteye ubwoba* » (Yoweri 2 :31). Igice cya kabiri cy'isezerano ryo muri Malaki 4 :6 ubu ni bwo gisohora mbere y'iherezo ry'umunsi w'agakiza, mbere y'uko izuba ricura umwijima n'ukwezi kugahinduka amaraso (Acte 2 :20)

Muri Matayo 17 :11-13 no muri Mariko 9 :12-13, Umwami wacu yasobanuye ibijyanye n'isezerano ryo kwohereza Eliya. Yabanje guhamiriza ubukozi bwa Yohana-umubatiza kuko naweyaje mu mbaraga no mu mwuka wa Eliya, hanyuma atunga urutoki

ku byagombaga kuzaba mu gihe hanyuma y'icyabo : « *Ni koko Eliya agomba kubanza kuza agatunganya byose* ». Ibi byerekana ko atari ubutumwa umuntu yashoboraga kwihimbira, ahubwo ni ubw'agakiza k'Imana bwatumwe kugira ngo butunganye byose nk'uko byari bimeze mu itangiriro ry'itorero, bikaza kuzimira mu bihe byakurikiyeho. Buri kintu kigomba kubanza gusubizwa mu mwanya wacyo : muri bene data bari mu bukozi no mu Itorero ryose. Imana ibinyujije mu bukozi bwa Yohana –mubatiza, yagaruye imitima y'abari mu kwizera kwa ba sekuruza bo mu Isezerano rya cyera ku kwizera kw'abana babo bo mu Isezerano rishya « …kugira ngo ategurire Umwami Imana ubwoko bufite imitima iboneye… » (Luka1:16-17). Ibinyujije mu bukozi Imana yahaye mwenedata Branham, Imana yagaruye imitima y'abana b'Imana bo mu gihe cyacu ku kwizera kwa ba se aribo ntumwa, kugira ngo na none Umwami ategurirwe ubwoko bufite imitima iboneye.

Tariki 11/6/1933, Mwenedata Branham yaherewe umuhamagaro n'inshingano imbere y'abahamya benshi. Ubwo yari agiye kubatiza umuntu w 17 mu mugezi Ohio muri Amerika, Umucyo ndengakamere wamanutse hejuru ye imbere y' abantu barenze 4000, ijwi riwuvugiramo rimubwira riti : « **Nkuko Yohana-mubatiza yatumwe nk'integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, nawe niko utumwe ufite ubutumwa buzategura kuza kwa kabiri kwa Kristo** ».

Mu gihe cya nimugoroba tariki 7/5/1946, marayika wo mu ijuru yatumwe kuri Mwenedata Branham nk'uko byabaye kuri Zakariya cyera, nk'uko byanditswe muri Luka igice cya mbere, amusobanurira iby'ubukozi buvuye mw'ijuru yahawe. Nyuma yaho ni bwo yatangiye ubukozi butangaje bwahamirijwe n'Imana ubwayo inshuro ibihumbi.

Hanyuma Mwenedata Branham wari ufite ubukozi bufitanye isano n'umugambi w'Imana w'agakiza, yaje gutegekwa guhunika ibyokurya by'umwuka, aribyo Jambo ryasezeranijwe kandi rihishuwe. Nyamara ntabwo yigeze na rimwe abwirwa ko ariwe ukwiye kuzagabura ibyo byokurya cyangwa se ko azabanza gupfa hanyuma akazuka kugira ngo aze gusoza ubukozi bwe. Abana b'Imana bavutse ubwa Kabiri bakuzuzwa Umwuka wera bizera gusa ibyavuzwe mu byanditswe byera. Nk'uko yabibwiwe n'ijwi ryavugiye mu ijuru tariki 11/06/1933, ubutumwa yahawe bukubiyemo umugambi w'Imana wose ni bwo bubanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo, kandi ibyo bihuje n'ubuhamya bw'Ibyanditswe byera.

Ijambo ryo mu Byakozwe n'intumwa 3 : 21 naryo ni UKO UMWAMI AVUGA, kandi rigomba gusohora mbere yo kugaruka kwa Kristo : « *Uwo ijuru rigomba kwakira kugeza ubwo ibintu byose bizongera gutunganirizwa, nk'uko Imana yavuze cyera mu kanwa k'abahanuzi bayo bera* ». Binyuze mu butumwa Mwenedata Branham yahawe, ibyari

byaratakaye mu Itorero rya Kristo byose byaratugaruriwe ku bw'ubuntu bw'Imana. Ijambo rihishuwe ryageze ku mpera z'isi.

Nkuko byahanuwe muri Amosi 8 :11, Imana yohereje inzara y'umwuka yo kumva Amagambo y'Umwami. Niyo mpamvu abantu bakora ingendo zirenze ibirometero igihumbi kugira ngo baze mu materaniro abwirizwamo Ijambo rihishuye kandi ryasezeranijwe ririmo gusohora ubu. Iyo niyo manu nshya Umwami yasezeranije abanesheje (Ibyahishuwe 2 :17).

Ubu dutegereje igikorwa ndengakamere cy'Umwuka wera nko ku munsu wa pantekoti, nuko Imana ubwayo igarure ubukozi uko ari butanu mu Itorero, impano zose n'imbutu zose z'Umwuka wera, imbutu zose z'Umwuka wera n'imirimu yose y'Umwuka mw'itorero, kuko iherezo rigomba gusa n'itangiriro. Imana ubwayo niyo yabisezeranije kandi niyo izabikora mu mbaraga zikomeye z'Umwuka wera.

Imana yacyuye umugaragu n'umuhanuzi wayo tariki 24/12/1965. Ibi mbivugiye kugira ngo abagomba kuzuza igikombe cyabo cy'ibyaha bahereko babikora, naho abagenewe kwizera buri Jambo ry'Imana bishime mu mitima yabo :

Mwenedata Branham yambwiriye imbere y'abahamya ahitwa Dalasi muri Tegizasi (intara yo muri Leta zunze ubumwe za Amerika) tariki 11/6/1958 ati: "Mwenedata Frank, uzasubira mu Budage ujyanye ubu butumwa..."

Mwenedata Branham nk'umuhanuzi yongeye kumbwira tariki 3/12/1962, ari hamwe na ba bahamya na none ati: «...ube uretse gutanga igaburo kugeza aho uzaherwa ibindi byokurya bisigaye...».

Ku mugoroba wo ku wa 11/4/1966, umunsi bahamba Branham, Umwuka wera yavuganye nanjye nk'uko yavuganye na Filipo mu Byakozwe n'intumwa 8 :29 ati : «Noneho igihe cyawe cyo gukwirakwiza ibyokurya kirageze, igihe cyo kuva mu mudugudu ujya mu wundi ubwiriza Ijambo ry'Imana ». Numviye umuhamagaru w'Imana uhereye ku munsu wa mbere, nshobora kuvuga nk'intumwa Pawuro nti : « *Ariko kubera gutabarwa n'Imana, ndacyariho kugeza n'ubu, mpamiriza aboroheje n'abakomeye, ntaca ku ruhande rw'ikintu na kimwe Mose n'abandi bahanuzi bavuze ko kigomba kuba...* » (Ibyakozwe n'intumwa 26 :22).

Umuhamagaru nahawe n'ijwi ry'Umwami ritegeka nawo ni UKO UMWAMI AVUZE : yarambwiye ati « Mugaragu wanjye, nagushyizeho bijyanye na Matayo 24 :45-47 kugira ngo ugabure ibyokurya ! » Ibyo nabyo n'ukuri kimwe na Yohana 3 :16. Ntabwo ari jye wihimbiye na hato ibyo byose, kuko mubizi neza mu nzandiko zose nandika uhereye mu myaka ya za 60 na 70.

Muri iyi myaka 44 yose uhereye aho Mwenedata Branham atahiye, nakomeje gukorera Umwami nyir'ukwiringirwa umurimo yampaye mu rucyerera izuba ritararasa tariki 2/4/1962 mu bihugu birenze 150. Nk'uko Yozefu mu Isezerano rya cyera yahunitse ibyokurya bisanzwe akuzuzwa ibigega, ni ko nanjye nahawe imyaka irindwi, uhereye mu mpera ya 1958 ukageza mu mpera ya 1965, kugira ngo nuzuze ibyokurya by'umwuka mu bigega (Maraki 3 :6-10), none na nubu ndacyabigabura. Buri kibwirizwa Mwenedata Branham yabwirizaga baheragaho bakinyohereza. Mwenedata Branhamu niwe ubwe wanyohereje ku witwa Lewo Merisiye, wari ushinzwe gushyira ibibwirizwa ku nyakiramajwi kugira ngo ajye abinyohereza abinyujije muri posita. Ku buryo ibyokurya bitahunitswe i Jeferisonivile honyine ahubwo na hano naho ibyo byokurya by'umwuka bimwe byarahahunitswe nk'uko Umwami yabitegetse. Twe ntabwo twagumye mu mateka yo mu myaka ya za 40, 50 na 60. Nta n'ubwo dusiga ingwa imva y'umuhanuzi. Twe ubu tubeshejweho na buri Jambo ry'Imana duherwa imbere yayo, kandi ku bw'ubuntu bwayo twahawe kugira uruhare mu gikorwa cy'Imana cy'iherezo.

Kugeza kuri uyu muni, nta muhanuzi w'ukuri n'umwe wigeze ahinduka uw'ikinyoma ; ntabwo ukuri kwigeze guhinduka ikinyoma ; nta na rimwe umugaragu w'Imana nyakuri kandi wiringirwa yigeze ahinduka umukozi w'ikinyoma kandi mubi. Iby'Imana byose bihora muri gahunda itunganye rwose : Nk'uko umucyo n'umwijima byatandukanijwe, niko biri hagati y'ukuri n'ikinyoma. Buri mbuto yororoka ikurikije ubwoko bwayo kandi « ...muzabamenyera ku mbuto zabo ». Uwabyawe n'Imana yizera buri Jambo ry'Imana na buri sezerano ryayo, kandi abasohotse kugira ngo basanganire Umukwe nk'abari b'abanyabwenge, ntabwo biyanduza n'inyigisho zivuguruza Bibiliya kuko aribo bagize umugeni wogejwe mu maraso y'Umwana w'intama, bejejwe n'Ijambo ry'ukuri kandi bashyizweho ikimenyetso cy'Umwuka wera kugeza ku muni wo gucungurwa.

## **Mfite Ifuhe ryo mu buryo bw'Imana**

*«Kuko mbafuhira ifuhe ryo mu buryo bw'Imana, kuko nabarehereje umugabo umwe ari we Kristo, ngo mubashyire mumeze nk'umwari utunganye. Ariko ndatinya yuko nk'uko ya nzoka yohesheje Eva uburyarya bwayo, ko ari ko imitima yany yayobywa mukareka gutungana no kubonera bya Kristo » (2 Abakorinto 11 :2-3).*

N'ubwo mwenedata Bwanami yabonye ibihumbi by'abacunguwe bambaye imyenda yera muri paradiso, ibi nawe ni byo byakomeje kumutera impagarara kuruta ibindi. Nanjye nshobora kuvuga ko bintera impagarara, uko turushaho kwegera kugaruka kw'Umukwe wo mu ijuru, cyane cyane kuva igihe nabaye nk'ukurwa mu mubiri mu kwezi

kwa mbere 1981 nkerekwa nzamurwa hamwe n'ibihumbi byinshi by'abera, bose ari abasore n'inkumi bambaye ibyera.

Pawuro yatinyaga ko Satani uzi kwiyoberanya mu bintu byose yaza mu buryarya nk'inzoka ifite ubumara bwica, yiyoberanije nka marayika w'umucyo, kugirango aroge itorerero ry'abizera. Uko gutinya kwari gufite ishingiro kuko mu gihe cya Yobu Satani yashoboye kuboneka hagati y'abana b'Imana bateraniye mu ijuru (Yobu 1 :16). Igitangaje ni uko yongeye kuboneka mu iteraniro ry'abamarayika ryakurikiyeho (Yobu 2 :1). Ubwo yagaragaraga imbere y'Imana bwa mbere, ibyo Yobu yari atunze byose byararimbutse, naho nyuma yo kuboneka imbere y'Imana bwa kabiri, ibitero bya Satani byasatiriye Yobu ubwe.

Mu buryo ubwo ari bwo bwose, aho ariho hose n'igihe icyo aricyo cyose Satani yigaragaje akanyumvikanisha mu iteraniro, ntakabuza bikurikirwa no gusenya.

Gushukwa kwa Eva kwazanywe no kugoreka ijamba rimwe gusa mu yo Umwami Imana yacu yabwiye Adamu. Satani yagize ati : « Ese koko Imana yavuze ngo... ? » Yahereye abiba gushidikanya ku byo Imana yavuze kugira ngo abone uko yemeza ikinyoma cye. Inzoka ya cyera yashoboraga no kuba yabwira Eva iti : « Ese warabyiyumviye ? Ese wari uhibereye ? Ese uzi neza ko ari ukuri ? » Mu gihe cya Mose, yashoboraga kubwira Kora ati : « Ese wari uhibereye ubwo Mose yahamagarwaga ? Ese wari hamwe nawe ku musozi ubwo Imana yavuganaga nawe ? » Abahakanyi bo mu gihe cy'Intumwa bo, yashoboraga kubabwira ati : « Ese mwari muhibereye ubwo Pawuro yahamagarwaga ? Ese mwiyumviye ijwi ryavugiye mu ijuru ? »

Abashidikanya bo mu gihe cyacu bo ashobora kubabwira ati : « ese mwari muhibereye ubwo uwo mucyo wamanukaga mu kwezi kwa 6/1933 ? Ese mwiyumviye ibyo marayika w'Umwami yabwiye Branhamu tariki 7/5/1946 ? » Igihe cyose Satani abiba gushidikanya nk'uko byagenze kuri Eva ubwo yamubwiraga ati : « Ese koko Umwami yavuganye nawe ? Ese wari uhari tariki 2/4/1962 ? Ese warabyiyunviye ? Ese wari uhibereye tariki 3/12/1962 ? »

Ese koko umuhanuzi yarabivuze ? Ese warabyiyunviye ? Ese wari uhibereye mu kwa 7/1976 ubwo Umwami yamutegekaga kumwegurira ikibanza bahanye imbibi no kuhubaka, cyangwa se mu kwa 9/1976 ubwo havugwaga iby'ibyokurya, cyangwa igihe Umwami yavugiye i Mariseye ati : « Mugaragu wanjye, haguruka usome muri 2 Timotewo 4... » ku byerekeye guhinda kurindwi kw'inkuba n'ibindi byose ? Satani ashukana igihe cyose akoresheje uburyo bumwe bwo guhinyura icyo Imana yavuze kugira ngo ashobore gushyira abantu muni y'ubuyobozi bwe.

Mwenedata Branhamu yarabwiye ati : « N'ushobora gutuma abantu bizera ibyo uvuze... ». Umwanzi we igihe cyose akoresha kubiba gushidikanya ibyo Imana yavuze



kandi yategetse. Kutizera gukurikirwa n'icyaha, umuntu akarenga umurongo ubwo. Igukurikiraho ni urwango ruvuka hagati y'imbyaro zombi nk'uko byabaye n'ubundi mu ngobyi y'Edeni. Bamwe bizera Imana bakishingikiriza ku cyo yavuze, naho abandi bemera kugengwa no gushidikanya bikabajyana mu cyaha cyo gukwena umuhamagaro w'Imana, ari ko gukwena Umwuka wera uyobora abe mu kuri kwose. Nyamara ibyo Umwami yavuze biracyafite agaciro kose : « *N'ukuri n'ukuri ndababwira yuko, uwakiriye uwo natumye aba anyakiriye, kandi unyakiriye aba yakiriye uwantumye* » (Yohana 13 :20).

Iyo hatabaho kugwa mu ngobyi y'Edeni, ntabwo umugambi w'Imana w'agakiza yagambiriye mbere y'ibihe byose uba warasohoye. Iyo hano mu itorero ry'akarere aho umuhamagaro w'Imana ukorera hataba gushukana guteye ubwoba kwo mu kwa 5/1979, nta muntu wari kwigera atekereza ko gahunda y'Imana mu itorero yagombaga gutunganywa rwose. Satani niwe ushuka isi yose, ariko ku bijyanye n'izamura ry'umwana w'umuhungu, yitwa « umurezi wa benedata » uzahananturwa (Ibyahishuwe 12 :10). Tugomba kuba maso rero kugira ngo tutagwa muni y'ubutware bw'umurezi wa benedata, ahubwo mur'ibyo na byo tukaba mu ruhande rw'Imana n'Ijambo ryayo kugira ngo tuvuge kimwe na Pawuro tuti : « Ninde uzarega intore z'Imana ? » (Abaroma 8 :33). Ibyo ni byo Satani n'abatwarwa nawe bose bagerageza gukora.

Satani ubu ahagaze imbere y'itorero kugira ngo abuze umwana w'umuhungu kuvuka. Ariko Imana yahuje ubukozi bw'umuhanuzi n'umurimo ukomeye wo guhamagarira itorero-mugeni gusohoka no gutegurwa. Ubu byose mu itorero birimo biratunganywa nk'uko byahozze mbere na mbere. Ubu haragaragazwa uvugisha ubutumwa akanwa gusa n'uwitondera buri Jambo ry'Imana by'ukuri, akagenda mu bushake bwayo, ndetse buri Jambo ry'imana rigahinduka rizima mu bugingo bwe. Ni yo mpamvu impaka zose nta mumaro zigifite. Imana izadushumbusha ibintu byose bikubye kabiri nk'uko byabaye kuri Yobu (igice cya 42). Nkuko byanditswe muri Yakobo 5 :7-11, ku bijyanye no kugaruka kwa Kristo, imvura y'umuhindo n'iyitumba zizagwira icyarimwe mbere y'uko Umwami agaruka, ari nabgo hazasohora ibyasezeranijwe muri Yoweri 2 :23-24 ngo : « *Nuko namwe bana b'i Siyoni munezerwe kandi mwishimire mu Mwami Imana yanyu, kuko izabaha imvura mu gihe cyayo, izaboherereza imvura y'umuhindo n'iyitumba nka cyera. Imbuga zizuzura ingano, ibibindi bizuzura vino n'amavuta.* ». Biratangaje kubona Mwenedata Branham yaragarutse kuri icyo cyanditswe i Zuriki mu Busuisi n'i Karisruhe mu Budage muri 1955.

Nk'uko mwenedata Branham yabivuze akomeje, udashobora kuvugana umutima uboneye nk'Umwami n'Umucunguzi wacu ati : *Ibyokurya byanjye ni ugusohoza ubushake bw'uwantumye no gukora umurimo we...* » (Yohana 4 :34), mu by'ukuri ntabwo aba yagasobanukiwe ibyo aribyo. Ntabwo bihagije kuvuga iby'ubutumwa n'intumwa, iby'ibyokurya n'Ijambo rihishuwe. Ubu noneho ubwo imeza y'Umwami yamaze

gutegurwaho amafunguro menshi cyane, mu buryo bitari byakigeze kubaho imbere y'abanzi bacu badukwena, tugomba gusohozza ubushake bw'Imana ku bw'imbaraga tuvana mu byokurya by'umwuka, kugira ngo umwami ashobore gusoza umurimo we. Ufite amatwi yo kwumva niyumve icyo umwuka arimo kubwira amatorero. Buri umwe yarakwiriye kuvugisha umutima uboneye ati : « bye kuba uko nshaka, ahubwo bibe uko ushaka ! ». Ubushake bwuzuye bw'Umukwe wo mw'ijuru burimo burasohorera mu mugeni we kandi umwari utunganye azashyikirizwa Kristo. Amina.

« *…none yiyungishije namwe urupfu rw'umubiri we ngo abishyire muri abera b'abaziranenge batagira umugayo…* » (Abakolosayi 1 :21-22).

## **Nko mu gihe cya Sodomu na Gomora**

Igice kimwe cy'ibyavuzwe bijyanye n'igice cya nyuma cy'igihe kibanziriza kugaruka kwa Kristo kivuga ku mibereho iteye isoni y'abantu bo mu gihe cyacu. N'ubwo ari ko byahoze, nyamara ntibyigeze biba aka kagene. Mu gihe cya Aburahamu, ubwo yaramaze guhabwa isezerano ko Isaka ari hafi kuvuka, Umwami ubwe yaje kumusura aherekejwe n'abamarayika babiri bari mu ishusho y'abantu (Itangiriro 18). Umwami yasigaranye na Aburahamu, abamarayika barakomeza bajya i Sodomu.

Ubwo bageragayo mu gihe cya nimugoroba, Loti yabakiriye mu nzu ye. Ubwo ni bwo habaye ikintu giteye ubwoba : abagabo bendana bo muri uwo mudugudu bateraniye imbere y'inzu ya Loti, bamusaba gusohora abo bagabo. Agakiza ka Loti n'umuryango we, mbere y'uko Sodomu n'indi midugudu byegeranye irimburwa, kazwi neza na bese kandi bishobora gusomwa mu Itangiriro 19.

Mu gihe cyacu dufite abashakanye b'igitsina kimwe ndetse bari no mu nzego z'ubutegetsi muri Guverinoma. Iby'abashakana bahuje ibitsina bisigaye bivugirwa ku mugaragaru, ndetse n'amakwe yabo asigaye yizihizwa bakanasezeranira mu matorero. Ese uko gushakana kurerekana iki ? Imana yaremye Eva kugira ngo abere Adamu umufasha, birumvikana ko atari umufasha w'igitsina gabo. Iki cyanditswe kigomba kugumana agaciro kacyo : « *Mubyare, mwororoke…* »

Nta mugaragu w'Imana n'umwe wigeze ashaka undi mugabo, yaba Adamu, Aburahamu, Dawidi, Salomoni, Petero cyangwa Pawuro.

Kubera ko Imana yashatse ko gahunda iguma mu byaremwe byayo, mu ngo, mu muryango no mw'itorero ryayo, yahaye ubwoko bwayo amabwiriza. Ubwo Imana yatangaga amategeko, hari ibyaha byinshi yategetse ko bihanishwa urupfu. Bitatu muri byo ni ubusambanyi, abendana bahuje igitsina n'abenda inyamaswa : « *umugabo n'asambana n'umugore ufite mugabo, n'asambana n'umugore wa mugenzi we, uwo mugabo n'uwo mugore basambanye bazahanishwa kwicwa* » (Abarewi 20 :10).

« Umugabo niyendana n'undi mugabo nk'uko baryamana n'umugore, bombi bazaba bakoze ikizira ; bazahanishwa kwicwa, amaraso yabo azababarwaho » (umurongo wa 13).

« Umugabo niyenda inyamaswa, azahanishwa kwicwa kandi muzica n'iyonyamaswa. Umugore niyegera inyamaswa kugira ngo aryamane nayo, muzica uwo mugore n'iyonyamaswa ; amaraso yabo azababarweho » (umurongo wa 15-16).

Mu bicumuro 10 bivugwa mu Bakorinto ba mbere 6 : 9-10 ko ababikora batazaragwa ubwami bw'Imana, hanavugwamo n'abafata abana ku ngufu. Mu byumweru n'amezi bya nyuma biherutse, ingingo yakomeje kugarukwaho cyane mu itangazamakuru, ni iyifatwa ry'abana ku ngufu, cyane cyane muri kiriziya Gatorika. Ibinyamakuru mpuzamahanga bivuga ko hariho ibihugu byinshi birangwamo abantu berura bakavuga ku mugaragararwa ihohoterwa bakorewe ari uko hashize imyaka myinshi. Byatangiriye muri Amerika mu ntara ya Kalifornia, aho kiriziya Gatorika imaze kwishyura abahohotewe indishyi z'akababaro zigera kuri miliyari ebyiri z'amadolari ku bw'ibikorwa bibi byakozwe hagati ya 1952 na 2002.

Icyemezo cy'uko abapadiri n'ababikira bagomba kuguma ari ingaragu cyafashwe mu mwaka wa 1139, cyazanywe n'amadayimoni nkuko Pawuro yabyanditse muri Timoteyo ya mbere 4 :1-3 : « ...kubwo gukurikira imyuka y'ubushukanyi n'inyigisho z'amadayimoni... yigisha kutarongora, no kutarya ibyokurya bimwe na bimwe... ». Anyuraniye n'abayobozi ba kiriziya Gatorika. Umwigisha wa kaminuza ya tewolojiya witwa Hansi Kungu ahamya ko iryo hohoterwa ry'abana rikunze kuboneka muri kiriziya riterwa n'uko kutemererwa gushaka.

Nta mwenedata muri Kristo numwe ushobora gushakana n'undi bahuje igitsina, cyangwa guhohotera umwana, cyangwa gufata umugore w'undi bityo ngo yishyireho icyaha cyo gusambana n'umugore wa mugenzi we, cyangwa kuryamana n'inyamaswa. Wenda bishobora kuba byarabaye atarizera, byaba ari ku mugabo cyangwa umugore ariko ntabwo bishobora kumubaho ubu.

Ubwinshi bw'amahano asigaye aba kw'isi ni ikimenyetso kigaragarira buri wese ko kugaruka kwa Kristo kuri bugufi cyane.

Mu Baroma 1 :18-32, Pawuro umugaragu w'Imana yavuze mu buryo bukomeye ashingiye kw'Ijambo ry'Imana ati :

« umujinya w'Imana uhishyurwa uva mu ijuru ubyukirijwe ubugome no gukiranirwa by'abantu bose bashikamiza ukuri gukiranirwa kwabo... »

« Nicyo cyatumye Imana ibareka ngo bakurikize ibyo imitima yabo irarikiye, bakora ibiteye isoni, bononnye imibiri yabo...nicyo cyatumye Imana ibarekera kurarikira ibyonona ndetse bigeza ubwo abagore babo bakoresha imibiri yabo uburyo bunyuranye n'ubwo yaremewe, kandi n'abagabo ni uko, bareka kugirira abagore ibyo imibiri yabo

*yaremewe, bashyushywa no kurarikirana. Abagabo bagirirana n'abandi bagabo ibiteye isoni, bituma mu mibiri yabo bagarurirwa ingaruka mbi ikwiriye kuyoba kwabo... n'uko bamenye iteka ry'Imana yuko abakora ibisa bityo bakwiye gupfa, uretse kubikora ubwabo, bashima n'abandi babikora. »*

Nk'uko byabaye mu gihe cya Nowa no mu gihe cya Sodomu, ntidushobora guhindura uko isi imeze ubu. Cyo kimwe intambara n'imitingito bizarushaho kugwira kugeza ku mutingito uruta iyindi uzaba ku gisate cya Sani Andereyasi muri Kaliforuniya (intara ya Amerika) wahanuwe na mwenedata Branham. Ikirunga gihertse kuruka mu gihugu cya Irilande (kiri ku mugabane w'amajyaruguru y'uburayi) n'ingaruka zacyo zikomeye cyane cyane ku ngendo zo mu kirere, biratwerekana uburyo impinduka zishobora kuba vuba cyane kw'isi nta nteguza. Nyamara ibi byose byahanuwe n'Umwami wacu ko bigomba kuba mu gihe cya nyuma. Ibyo bikwiye gutuma tumenya igihe n'isaha tugezemo kugirango duhuguke dukorere agakiza kacu dutinya kandi duhinda umushyitsi bityo tukubura amaso yacu tukayahanga mu ijuru kuko gucungurwa kwacu kwegereje.

## **Kwatura imyizerere**

Umwami Imana ubwe yahaye amabwiriza ubwoko bwe bw'Isirayeri kimwe n'Itorero rye ryo mu Isezerano rishya ku byerekeye urugendo rwabo, ibyo bagombaga kandi bagomba kwizera no gushyira mu bikorwa. Handitswe mu gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri 6 :3-9 ngo :« *Nuko rero uzayumvire, Isirayeri, kandi uzitondere kuyashyira mu bikorwa, nibwo uzahirwa kandi murushaho kugwira, nk'uko Uwiteka Imana ya ba sogokuruza banyu yabikubwiye, ikagusezeranya igihugu gitemba amata n'ubuki. Tega amatwi Isirayeri, Imana yacu niyo yonyine Uwiteka. Uzakunda Uwiteka, Imana yawe, n'umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose. Kandi aya mategeko nguhaye uyu muni, azaba mu mutima wawe. Uzayigisha abana bawe, kandi uzayavuge uri mu nzu yawe, n'ujya mu rugendo, nuryama kandi nubyuka. Uzayashyire nk'ikimenyetso ku biganza byawe, no mu ruhanga rwawe. Uzayandike ku nkingi z'inzu yawe no ku miryango yawe. » Uko kwatura imyizerere kwongeye guhamirizwa mu gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri igice cya 11 uhereye ku murongo wa 18.*

Uburyo uko kwatura imyizerere kwanditswe mu rurimi rw'igiheburayo, inyugute ya nyuma y'ijambo rya mbere n'inyuguti ya nyuma y'ijambo rya nyuma byanditswe mu cyapa. Ntabwo bagombaga kuyavuga gusa ahubwo bagombaga kuyavuga, bakatura bayatekerezaho kandi bayubashye. Kugeza uyu muni Abisirayeri basenga iryo sengesho bita mu giheburayo « *Sh'ma Israel* » muri ubwo buryo.

Isirayeri yagombaga kwitondera no gushyira mu bikorwa ibyo Uwiteka yavuze byose kugira ngo bahirwe mu gihugu Imana yahaye ba sekuruza kandi bahabwe

umugisha. Hanyuma icyari gikomeye kuruta ibindi byose – kandi Isirayeri yagombaga kwitwararika by'umwihariko- ni uko Uwiteka Imana ari we Mana wenyine, bigakurikirwa nuko yagombaga gukunda Imana n'umutima wose, n'ubugingo bwose, n'imbaraga zose. Ijambo ry'Imana ryagombaga gutura mu mitima y'ubwoko bwayo.

Bagombaga kwigisha abana babo n'abana b'abana babo igihe cyose, mu rugo no mu rugendo, bagiye kuryama ndetse babyutse.

« *bizakubera nk'ikimenyetso ku kiganza cyawe cyangwa urwibutso ku ruhanga rwawe...* ». Umwami Imana yari yategetse iti : « *bizakubera nk'ikimenyetso ku kiganza cyawe cyangwa urwibutso ku ruhanga rwawe, kugira ngo amategeko y'Uwiteka ahore mu kanwa kawe ; kuko Uwiteka yagukuje ukuboko kwe kw'imbaraga muri Egiputa » (Kuva 13 :9).*

« *Mushyire mu mitima yanyu no mu bugingo bwanyu aya magambo mbabwiye. Muzayahambira nk'ikimenyetso ku biganza byanyu kandi azaba nk'urwibutso hagati y'amaso yawe. » (Gutegeka kwa kabiri 11 :18)*

Uwinjiye mu byumba byagenewe gusengerwamo ku gikuta cy'amaganya i Yerusalemu ashobora kwibonera ukuntu abagabo bahambirije imishumi y'uruhu ku biganza byabo no mu ruhanga rwabo inyaturu yo kwizera kwabo nk'uko byanditse. Muri buri nzu yose ndetse no muri buri hoteri muri Isirayeri, icyo bita « Mezouza » kirimo inyandiko y'inyaturu yo kwizera kwabo nk'uko byanditse mu Gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri 6 :3-9, kiba kimanitse ku kizingiti cy'umuryango winjira mu nzu iburyo aharinganiye n'amaso.

Inyaturu yo kwizera kwabo niyo yari ikimenyetso, cyarangaga ubwoko bwayo bw'Isirayeri.

Mu Isezerano rishya, dusoma muri Mariko 12 :29-32 ukuntu Yesu yasubije ikibazo yabajijwe ku itegeko rya mbere : « *Umva, Isirayeri, Umwami, Imana yacu, niwe Mwami wenyine, ni Umwe rukumbi- kandi : uzakunda Umwami Imana yawe, n'umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose...* Umwanditsi aramubwira ati : *Mwigisha, uvuze ukuri ko Imana ari imwe gusa, kandi ko nta yindi ihwanye nayo...* »

Ntabwo Imana igizwe n'ubutatu. Ntabwo yihinduye ngo yivanemo abantu batatu bahoraho iteka ryose. Haba ari mu iteka ryose, haba ari mu Isezerano rya cyera cyangwa rishya, nta na hamwe dushobora kubona havugwa Imana eshatu. Imana yakomeje kuba Imana imwe. Kugirango isohoze umugambi wayo w'agakiza, yihishuye ubwayo nka Data mu ijuru, mu mwana wayo w'ikinege wavukiye kw'isi, kandi no mu Mwuka wera mu Itorero : Imana hejuru yacu, Imana hamwe natwe, n'Imana muri twe.

« *Kuko hariho Imana imwe, izatsindishiriza abakebwe kubwo kwizera, kandi ikazatsindishiriza n'abakebwe kubwo kwizera » (Abaroma 3 :30).*

« *Kandi umuhuza ntabwo ari uw'umwe, ariko Imana yo ni imwe* » (Abagaratiya 3 :20).

« *Umwami Nyir'ibihe byose, Udapfa, Utaboneka, ari we Mana wenyine, ahimbazwe kandi ahabwe icyubahiro none n'iteka ryose, Amina!* » (Timoteyo wa mbere 1 :17).

Nicyo kimwe kuri twe: tugomba kandi dushobora gukunda Imana imwe n'ubugingo bwacu bwose, n'umutima wacu wose, n'imbaraga zacu zose, kandi tugakunda mugenzi wacu nk'uko twikunda ubwacu (Mariko 12 :31).

Nyamara rugikubita, umwanzi yacengeye mu Itorero ryo mu Isezerano rishya kugira ngo ayobye abantu. Byombi birajyana: abizera nyakuri baguma mu nyaturo yo kwizera nyakuri kwa Yesu Kristo n'intumwa, n'abagize igikirisito baguye mu guhakana Imana. Inyaturo yo kwizera y'i Yerusaremu n'iya Nikeya birimurana, ntibishobora kubangikanwa na hato.

Inyaturo yo kwizera ihamirizwa n'Ibyanditswe byera, ntihinduka, ikomeza kuba imwe mu Isezerano rya cyera no mu rishya. Ribera abana b'Imana nyakuri bose Inyaturo yo kwizera imwe gusa ifite agaciro, haba mu myizerere, mu nyigisho, mu mubatizo no kwizihiza ifunguro ryera. Mu by'ukuri, buri ngingo ya Bibiriya, igira igisubizo kimwe gusa kandi ntabwo gisangwa muri gatigisimu ahubwo gisangwa muri Bibiriya.

Buri torero rya gikirisitu na buri dini riba rifite imyizerere yaryo igenga ibigomba kwizerwa no kwigishwa. Ariko bose bagomba guhurira ku kwatura imyizerere ya Nikeya-Konsitantinopure bategekwa.

Mu Byahishuwe dusoma ku bijyanye n' "kimenyetso" cya kidini amoko yose azahatirwa kwemera. Kw'iherezo, mu kungwa kwa nyuma kwa Roma, itegeko rizatangwa kandi utazaryubahiriza azaba yiteguye kwicwa. Hakoreshejwe cya kimenyetso –kizaranga idini rikomeye rizaba ari igihangange kw'isi – agahato kazaba.

Imburo yihutirwa ni iyi: « *Uzaramya inyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo, agahabwa ikimenyetso cyayo ku ruhanga cyangwa ku kiganza, azanywa nawe kuri vino y'uburakari bw'Imana, isutse itavangiye mu gikombe cy'umujinya wayo...* » (Ibyahishuwe 14 :9-10).

Ibarura riherutse rivuga ko amatorero y'abaporotesitani n'amadini 350 ahuriye mu rwunge rw'Inama y'isi y'amatorero. Vatikani yavuze ku mugaragararwo kandi yeruye ko amatorero yose y'abaporotesitani ari amahuriro ya gikirisitu gusa; ko Itorero rya Kristo ari rimwe kandi ko ari Kiriziya gatorika, ko ariryo abantu bose baboneramo agakiza kuzuye k'Imana. Nyamara, agakiza kuzuye k'Imana ntabwo kabonerwa mu itorero na rimwe;

kabonerwa gusa muri Yesu Kristo, kandi buri muntu agomba kukiyemerera no kugahabwa ku giti cye! Niyi mpanvu andi matorero-bakobwa, atarahawe agakiza kuzuye muri Yesu Kristo, nta kundi azabigenza uretse gusubira ku itorero-nyina ! (Ibyahishuwe 17).

Bose bashingira ku Ijambo ryo muri Yohana 17 :21 : « ...*kugira ngo babe umwe ...* » ariko nta n'umwe wita ku gusoma ibijyanye n'iryo Jambo, uko ryanditse n'icyo rishatse kuvuga nyakuri : « ... *iyewe muri bo, nawe muri jye – kugira ngo babe umwe koko, bityo isi imenye ko wantumye kandi ko wabakunze nk'uko wankunze* » (umurongo wa 23) ; Imana muri Kristo (Abakorinto ba kabiri 5 :19) na Kristo muri twe (Abakolosayi 1 :27).

Ntabwo tuzahwema kwibutsa ko mu binyejana bya mbere nta ba papa bariho, nta ba karidinari, cyangwa itorero ryahawe gahunda n'abantu byigeze. Nubwo hariho imyizerere ya kidini irenze ijana, nyamara hariho gusa Itorero rya Yesu Kristo, umukumbi muto, utari ufite gahunda y'abantu, ahubwo wayoborwaga n'Umwuka w'Imana.

Nyuma byaje kuza buhoro buhoro mu bihugu byo mu bwami bw'i Roma ko havuka amatorero ya gikirisitu y'ibihugu : iry'aba Koputi, iry'abakaludayo, iry'abasiriya, iry'abegiputa, iry'aba orutodokisi, n'irya gatorika ry'i Roma. Nyamara ayo matorero yose, yari kandi n'ubu aracyari ay'ibihugu n'aya Reta, ariko ntabwo agize Itorero ryacunguwe rya Yesu Kristo.

Uherye mu nama yabereye i Nikeya mu mwaka wa 325 n'iyabereye i Konsitantinopure muri 381, habaye ihuzwa ry'imyizerere y'ubutatu ikomoka i Nikeya-Konsitantinopore, ari nayo rufatiro y'imyizerere myinshi inyuranye. Amatorero n'amadini yose yavutse nyuma y'igihe cy'ivugururwa (mu gihe cya Luteri) nayo yarayifashe. Iyo myizerere bita « iy'intumwa » - n'ubwo atari ukuri bwose – ivuga ko Imana igizwe n'ubutatu bwahozeho iteka ryose, kandi abakristo bese batari bemera ibyo, bazahatirwa kubyemera.

Nk'uko Imana yategetse ubwoko bwayo bw'Isirayeri kwambara inyaturu yo kwizera kwabo, ku kiganza no mu ruhanga, niko na antikristo azategeka abantu base ko bambara inyaturu y'imyizerere ye mu ruhanga no ku kiganza. Mu mvugo y'imigani ya Bibiliya, uruhanga rwerekana icyo umuntu yemeye, naho ikiganza cyerekana gushira mu bikorwa icyo umuntu yemeye.

« *Nuko itera abantu bese, aboroheje n'abakomeye, abatunzi n'abakene, abumudendezo n'imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga, kugira ngo hatagira uwemererwa kugura cyangwa gutunda keretse ufite icyo kimenyetso cyangwa izina rya ya nyamaswa cyangwa umubare w'izina ryayo. Aha niho ubwenge buri.*



*Ufite ubwenge abare umubare w'iyonyamaswa kuko ari umubare w'umuntu, kandi uwo mubare ni magana atandatu na mirongo itandatu na gatandatu. » (Ibyah. 13 :16-18).*

Ubu noneho ntituri buvuge byinshi kuri iyi ngingo, ariko twometse kuri uru rwandiko mbwirwabose agace k'inyandiko gakwiriye gusomwa kanditswe n'umunyamakuru w'icyamamare w'umwisirayeri witwa Ludwig Schneider watekereje ku mubare 666 (urupapuro 20-21).

### **« …kugeza ku mpera z'isi » (Ibyakozwe n'intumwa 1 :8)**

Bene data na bashiki bacu bo mu bihugu cumi na bine byo mu Burayi ndetse no muri Aziya na Afurika baje bazanywe no guhabwa ibyokurya by'umwuka by'igihe byo mu Ijambo ry'Imana, mu materaniro abera hano mu kigo cy'ivugabutumwa i Krefeld mu mpera y'icyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa Mata.

Usibye abizera barenze 900 bari bateraniye hano, hariho abandi bateraniye ahantu harenze 600 mu bihugu 49 bakurikiye ibibwirizwa bakoresheje umuyoboro wa Interineti. Muri ubwo buryo, abantu bo mu mpera zose z'isi bashoboye gukurikira ibibwirizwa biherako bisemurwa mu ndimi 12. Koko, ubutumwa bwa nyuma burimo burabwirizwa amoko yose n'amahanga yose, kandi turimo twibonera ukuntu ibi byanditswe bisohorera mu maso yacu !

Mu kwezi kwa Gashyantare 1965, Mwenedata Branham yishimiraga ko itumanaho rikoresha umuyoboro wa telefoni ryashobokaga, bityo abantu bakaba bashobora gukurikira ibibwirizwa abo bari ku isi yose. Ese iyaba yari akiriho yakavuze iki muri iki gihe kuri ubu bushobozi bwose bwazanywe na tekini? Nta kabuza yari kunezerwa n'umutima we wose.

Ibyo tubereye abahamya uyu munsu birahebuje kandi ntibyagereranywe. Imana ubwayo niyo yatumye Ubutumwa bwayo bushingiye kuri Bibiliya bugera mu nguni zose za kure zo ku isi, mu ndimi nyinsi, binyuze mu ikoranabuhanga ry'ubu. icyubahiro n'ikuzo biyigarukure ku bw'ibyo.

Ibibwirizwa bya buri mpera z'icyumweru cya mbere cy'ukwezi byohereza buri gihe mu ndimi cumi n'ebyiri, muri DVD 4968, CD 618, n'amakasete y'amajwi 1942, n'amakasete y'amashusho VHS 180. Mwese mushyigikirisha amasengesho yanyu n'impano zanyu uyu murimo ukorwa nk'uko Umwami abitegetse, mwese ndabashimiye n'umutima wanjye wose. Imana ibibiture.

## Ingendo z'ivugabutumwa

Kenshi, benedata bakunze kuvuga ukuntu bahabwa umugisha mwinsi n'udutabo twa Mwenedata Branham, ibitabo byacu n'inzandiko tubohereza. Nyamara, ibibwirizwa imbona-kubone nabyo biracyafite agaciro nk'uko byari mu gihe Umwami amaze kuzuka yatumye intumwa ze akazibwira ati : « *Mujye mu isi hose mubwirize ubutumwa bwiza abantu bose.* »

Niboneye imbuto y'ibyo Imana yakoze mu bihugu byinshi. Ubwo mperutse muri Pakisitani, guhera tariki 12 kugeza 14 Gashyantare, nashoboye kwibonera umurimo Imana yakoze uherye igihe naherukiragayo mu mwaka wa 1972.

N'ubwo hariho amateraniro amwe yabereye hafi cyane n'umupaka wa Afuganisitani na Irani ku buryo polisi yagombaga kuba irinze kubera gutinya ko habaho ibitero by'ibyihebe, abantu bageze ku bihumbi bine baje mu materaniro yabereye mu midugudu 6 inyuranye. Ijambo ry'Imana ryabwirijwe mu mbaraga kandi ryakirwa n'intore. Mu by'ukuri, rwabaye urugendo rw'ivugabutumwa ruhebuje.


Nyuma y'imitingito ikomeye yashegeshe igihugu cya Haiti na Chili, twashoboye kwibonera mu buryo buhebuje ko Imana itavuga amagambo y'imburamumaro, ko ahubwo Iba maso kandi igakomeza ibyo yasezeraniye : muri ibyo bihugu byombi, benedata na bashikibacu barazigamwe. Nashoboye kubyibonera ubwo najyaga mu gihugu cya Haiti mu kwezi kwa Werurwe 2010. Uherye ku muhanda uva ku kibuga cy'indege cya Port-au-prince (umurwa mukuru wa Haiti) ukageza aho amateraniro yagombaga kubera, nabonye amazu menshi yaseniyutse, nyamara inzu y'urusengero ntabwo yigeze igira icyo iba. Nashoboye no kubona ukuntu abantu bageze ku bihumbi bibiri (2000) bari bateraniye munzu no hanze, bambaye neza kandi bishimye.

Umubwiriza yarabihamije ati : « ntabwo twacitse intege ahubwo twatewe umwete kuko gucungurwa kwacu kwegereje. Inzu duteranirimo nta n'agasate na kamwe yagize, nyamara tuzengurutse n'amazu yaseniyutse. »

Iteraniro ryo ku cyumweru 14/03/2010 i Port-au-prince rizinjira mu mateka y'agakiza k'umwami. Abantu bari bafite imitima yagukiye Ijambo ry'Imana, kandi umucyo washoboye gutangwa hakoreshejwe Ibyanditswe byera ku ngingo z'inyigisho zinyuranye zivuguruzanya. Koko Imana yahaye uru rugendo ubuntu n'umugisha biruta ibyo twari twasabye.

Benedata bakiranye ishimwe ryinshi n'umunezera impano twari twabashyiriye. Nanjye ndifuza kubashimira n'umutima wose kubw'ubwitange bwanyu mwagiriye benedata na bashiki bacu bo muri Haiti. Umwami wiringirwa azabitura inshuro ijana.

Ukoreshwa n'Imana

A handwritten signature in black ink that reads "Fr. Frank". The signature is written in a cursive style with a long horizontal line above the letters.

\*\*\*\*\*

\*\*\*\*\*

\*

## UBU NA NONE IKIBAZO NI ICY'UMUBARE 666

Nyamara, OIKOYMENA ntabwa ari izina ry'umuntu, ahubwo ni iry'ishyirahamwe. *Ubufatanye bw'isi bw'amadini yose* burimo burafata ishusho yabwo yanyuma ubu. *Inama y'urwunge rw'amadini* « irimo irasaba kwemerwa kw'ubwinshi bw'amadini rukanabuza n'abantu biganishaho abayoboke »

Ubu ikibazo kiriho ni iki : umuntu uzaba ariwe nyiri umubare 666 azaba nde ? Ese ni papa ufite umubare 666, kuko iyo umuntu ateranije iyo mibare (inyuguti ntoya ntizibzrwa mu kiratini), bitanga 666. Byongeye kandi, insobanuro ya « VICARIUS FILII DEI » ni « Umusimbura w'Umwana w'Imana », aribyo bishaka kuvuga **antikristo** mu bundi buryo, ufata « umwanya wa Kristo ». Nyamara ikibazo kirongera kubazwa : Ese icyubahiro cya papa, gishobora gufatwa nk'izina ry'umuntu ?

Nk'umuyobozi wa kidini, « Umusimbura w'Umwana w'Imana » (VICARIUS FILII DEI), ahindura abari mu madini yose « abana b'Imana » kuko izina rye ry'icyubahiro ritavuga ko ari umusimbura wa *Kristo* ahubwo ni uw' »Umwana w'Imana ». Uyu muni, abizera bo mu madini yose bitwa « abana b'Imana ».

Ubwo butatu-buhakana-Imana, bugizwe n'ikiyoka gikomeye, na antikristo n'umuhanuzi w'ikinyoma, nabwo bufite umubare 666 mu buryo butatu. Kandi n'umubare 6 n'umubare wo kwanga Imana. Niyo mpanvu 6 inshuro eshatu (666) byerekana byimazeyo urwango abantu banga Imana. Mu rurimi rw'abagiriki, umubare 6 usobanura inkovu, kikaba ari ikimenyetso. Kuba ibyo bimenyetso uko ari bitatu kuba bigaragaye mu gihe cyacu gusa (ku iherezo) byose bigendana hamwe kandi noneho Baburoni (reba Ibyah. 17) irimo iragaruka kw'isi nk'umwanzi wa Yerusalemu, ibi byari bikwiriye kwongera kudukangura.



Ishusho y'uruhande rumwe rw'iteraniro ryabereye Islamabadi muri Pakistani tariki 20/02/2010



Ishusho y'uruhande rumwe rw'iteraniro ryabereye Port-au-Prince, muri Haïti tariki 14/03/2010

Niba mwifuza kwohererezwa ibitabo byacu, mushobora kutwandikira kaha hakurikira :

Mission Center  
Boîte Postale 100707  
47707 Krefeld  
Allemagne

Mushobora no gukurikirira ku muyoboro wa Internet amateraniro yacu ya buri kwezi aba mu mpera za buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi. Kuwa gatandatu nimugoroba sa moya n'igice (19h30 - Amasaha yo mu burayi bwo hagati) no ku cyumweru mu gitondo saa enye (10h00-amasaha yo mu Burayi bwo hagati). Amateraniro asakazwa mu isi yose mu ndimi 10 zinyuranye.

Nimugire uruhare mu murimo Imana irimo gukora ubu nk'uko yabiteguye mu mugambi wayo w'agakiza !

Page web: <http://www.freie-volksmission.de/?lang=3&site=news>

E-mail: [volksmission@gmx.de](mailto:volksmission@gmx.de) ou  
[ewald.frank@freie-volksmission.de](mailto:ewald.frank@freie-volksmission.de)

**Tel:** 0049-2151/545151

**Fax:** 0049-2151/951293